

**KAMINUZA SDA CHURCH**  
**FAMILY EVANGELISM CAMPAIGN 09 - 24/02/2024**

**NZAGENDANA**  
**N'**  
**UMURYANGO**  
**WANJYE**

**HABIYAREMYE Edison**  
**0788549539 & 0738829694**  
**[habiyaremye@gmail.com](mailto:habiyaremye@gmail.com)**



# GAHUNDA Y'IBYIGISHO, 09 – 24.02.2024 KU MUGOROBA

<b>Itariki</b>	<b>Umunsi</b>	<b>Icyigisho</b>
<b>09.02.2024</b>	<b>Friday</b>	<b>1. Mu isi y'ikibi umuryango uhagaze ute?</b>
<b>10.02.2024</b>	<b>Saturday</b>	<b>2. Amabanga 4 y'umuryango unezerewe! 3. Ibyanzu by'umutima tugomba kurinda!</b>
<b>11.02.2024</b>	<b>Sunday</b>	<b>4. Mbere na mbere Imana</b>
<b>12.02.2024</b>	<b>Monday</b>	<b>5. Ikiganiro: Ipfundo ry'umubano unejeje</b>
<b>13.02.2024</b>	<b>Tuesday</b>	<b>6. Intambwe ndwi zo gukemura amakimbirane</b>
<b>14.02.2024</b>	<b>Wednesday</b>	<b>7. Urufunguzo rw'ibanze rwo kubana kw'abashakanye</b>
<b>15.02.2024</b>	<b>Thursday</b>	<b>8. Hagararira aho! Isubiremo</b>
<b>16.02.2024</b>	<b>Friday</b>	<b>9. Ni nde muyobozi mu rugo rwanjye? 91</b>
<b>17.02.2024</b>	<b>Saturday</b>	<b>10. Icyo Imana yateranirije hamwe, umuntu, ntakagitandukanye 11. Ni byiza kwibera mu rugo,</b>

<b>Itariki</b>	<b>Umunsi</b>	<b>Icyigisho</b>
<b>18.02.2024</b>	<b>Sunday</b>	<b>12. Ni urukundo cg ni irari</b>
<b>19.02.2024</b>	<b>Monday</b>	<b>13. Komatana kw'abashakanye</b>
<b>20.02.2024</b>	<b>Tuesday</b>	<b>14. Yego ni ingaragu! Ariko arakeye ni uw'igikundiro!</b>
<b>21.02.2024</b>	<b>Wednesday</b>	<b>15. Ihane ureke ubusambanyi</b>
<b>22.02.2024</b>	<b>Thursday</b>	<b>16. Yashyize indirimbo mu mutima wanjye</b>
<b>23.02.2024</b>	<b>Friday</b>	<b>17. Umuryango unezerewe iteka ryose</b>
<b>24.02.2024</b>	<b>Saturday</b>	<b>18. Uburyo umuntu yaguma mu rukundo iteka</b>

**MUTAMBYI W'UMURYANGO NAWWE  
NYINA W'UMUNTU WITEGUYE UTE  
KUGENDA?**

**NZAGENDANA N'IMPANO IMANA  
YANGABIYE N'INDABYO Z'IBIBONDO  
YATUGOTESHEJE TWIBUKIRANYA KO  
UMUBANO MWIZA ARI WO MURAGE  
UDASAZA**

- **F: Flowers: Indabo** ➡ **0 – 10ans**
- **E: Eagles: Kagoma** ➡ **11 – 20ans**
- **E: Excellent: Indashyikirwa** ➡ **21 – 30ans**
- **GO: Golden: Zahabu** ➡ **31ans kuzamura**

**Mfemsenior:**

**Mifem Mifem FEEGO:**

*“Twiyemeye kugenda, duhamya Imana, tugendana nayo, uko  
byamera kose”*

**MfemJunior:**

**Mifem Junior mugambiriye iki?**

*“Twiyemeje kugenda, nk'intore z'Imana, mu biganza byayo,  
duhagaze gitwari”.*





**KUGUMA MU  
RUKUNDO  
ITEKA RYOSE**

# UMURYANGO WA MBERE Y'ICYAHA:

**Wari ufite ikirango  
cy'urukundo, bari  
basangiye ishusho  
y'Imana, basangiye  
gutwara ibyaremwe,  
basangiye kororoka,  
bakundanaga urukundo  
Mana (Agape), bari umwe  
kandi Imana yari  
umujoyanama n'umuyobozi  
wabo.**





## **UMURYANGO WA NYUMA Y'ICYAHA:**



**Kwikunda gusimbura urukundo, ishusho y'Imana iragenda, batware ihinduka azagutwara, mu ibyara hababara umwe,ubumwe burashira, maze satani aba umugenga w'intekerezo z'abantu.**

# INGARUKA Z'UMURYANGO WA KABIRI. BATWARE YABAYE AZAGUTWARA.



**Kuko BATWARE kwari ugutwara ibintu, **umugabo wa nyuma y'icyaha yafashe umugore nk'ikintu.** Kuko nyir'umushinga (IMANA) yimuwe mu mushinga wayo, babaye nk'ubwoko bubiri bushyamiranye.**

## **INGARUKA Z'ICYAHA KU MURYANGO:**

**Kwifuza kwawe  
kuzaherera ku mugabo  
wawe kandi azagutwara.**

**Ni ukuvuga ngo  
umugore avukana icyo  
cyifuzo gikomeye cyo  
kwitabwaho n'umugabo.**

**Umugabo akavukana  
icyifuzo gikomeye cyo  
kubahwa/ kuba  
umutware.**





**Kubera ko icyaha ari cyo soko y'ibyo byifuzo, Imana ikaba yarabishyizeho mu rwego rwo kubungabunga umuryango wacumuye, Satani akora ubucakura bwo kuburizamo igikwiriye buri wese. **Iyo umugore abuze kwitabwaho agira intimba n'urugo rukamunanira. Umugabo yakwamburwa icyubahiro akaba nk'intare urugo ntirumuryohere, rukamunanira.****





## **UMURYANGO WA 3, UMURYANGO WACUNGUWE:**

**Umugabo  
n'umugore bo mu  
muryango wa  
gatatu bazayoborwa  
n'ukuri kwa  
Bibiliya buri wese  
yemere inshingano  
ze anezerewe..**






**Umuryango wa 3, uzatozwa  
n'Ijuru nawo utoze imico  
y'Ijuru. Ni urugamba ariko  
hari abarurwanye  
bararutsinda, bemeye  
guhanga amaso  
Uwabacunguye, nuko  
bahindurirwa amateka.  
Byarabagoye, bararushye,  
bararize, ariko ubu  
imiryango yabo yanditswe  
mu bitabo byo mw'Ijuru.**



**Gukunda uwo twashakanye  
iteka ryose**





**Jyewe, (Amazina yanyu), nsezeranye imbere y'Imana  
ihoraho, n'imbere y'abahamya bangana batya, ko  
uhereye uyu munsi, nkujyanye ngo nkubere umugabo/  
umugore w'indahemuka, nzajya ngukunda, nzajya  
nguhumuriza, nzajya nguhesha icyubahiro kigukwiye.  
Nzajya ngukunda ngukundwakaze, uri muzima cyangwa  
urwaye, dukize cyangwa dukennye, tumerwe neza  
cyangwa tumerewe nabi, tubyaye cyangwa tutabyaye.  
Ngusezeraniye ko nta wundi mugore/ mugabo nzigera  
nguharika igihe twembi tuzaba tukiriho. Nk'uko itegeko  
ry'Imana riri, tuzabana iteka kandi ngusezeraniye ko  
ntazigera ntezuka kugukunda.**





**1. Indahiro yo gushyingiranwa ni iy'iteka ryose**  
**Matayo 19:6** **“Bituma batakiri babiri, ahubwo babaye umubiri umwe. Nuko icyo Imana yateranyije hamwe, umuntu ntakagitandukanye.”**




**Imfunguzo 3 z'ingenzi zerekeye  
umubano urambye w'abashakanye**



# **1. KUGANIRA**




1. **Icyo amaraso amariye umubiri, ni cyo ikiganiro kimariye umuryango.**
2. **Nk'uko amaraso atembera mu buryo 2, ava ku mutima akajya mu mubiri akongera kuva mu mubiri agaruka mu mutima, ni ko ikiganiro kigira umumaro kibaho mu nzira 2: kuvuga no gutega amatwi.**






**3. Uburyo bumwe:**  
kuva mu mutima  
ni **“Ukuvuga mu  
bwenge,  
Abakolosayi 4:6”**

**4. Ubundi buryo:**  
kugaruka mu  
mutima ni  
**“Ugutega amatwi  
ubihugikiye,  
Yakobo 1:19”**



## 2. KUZIRIKANA ABANDI



1. Umuzi w'amakimbirane yose aboneka mu bashakanye ni **"ukwishyira imbere, Yakobo 4:12"**
2. Igisubizo cy'amakimbirane ni ugushyira imbere **"uwo mwashakanye"**, Abaroma 15:1,2
3. Urugero rwacu rwa mbere mu ihame ryo **"gushyira abandi imbere ni Yesu, Abaroma 15:3"**
4. Igihe ntengushye uwo twashakanye, nkwiriye kuvuga nti **"mbabarira"**, Yakobo 5:16

### 3. URUKUNDO MU ISHUSHO YA MPANDESHATU


1. kugira ngo abashakanye bagere ku ntego, bakeneye undi muntu wa gatatu, Zaburi 127:1

2. Ni we mutwe w'iyo mpandeshatu

A. Igihe umugabo n'umugore bari kure Kristo, buri wese muri bo aba ari kure y'undi

B. Igihe cyose umugabo n'umugore begereye Kristo, buri wese yiyumvamo ko yegeranye na mugenzi we.

C. Igihe umugabo n'umugore bari mu maboko ya Yesu, buri wese aba ari mu maboko y'undi



# Real Families



# Pray Together

3. **Nuko rero kugira ngo tube umuryango unezerewe w'Imana dukeneye igicaniro mu muryango**
  - A. **Buri munsi, mu gitondo na nimugoroba, dukeneye guteranira hamwe**
  - B. **Dutura Imana igitambo cyacu cyo guhimbaza, kwiga ibyanditswe no gusenga.**
4. **Mu muryango nk'uwo, abamarayika bo mu ijuru bazahaba, buzuze muri iyo nzu impumuro yo mu ijuru**
5. **Umubano w'abashakanye nk'uwo uzaramba iteka ryose!**





# PRAYER

is the key  
that unlocks  
all doors.

**Gusenga ni  
urufunguzo  
rufungura  
imiryango  
yose  
yibannye**

# **Kwihererana na We mu masengesho buri munsi**

**1. Nk'uko urukundo**

**rwimbitse**

**rw'abashakanye**

**rubera ahiherereye, ni**

**ko urukundo**

**rwimbitse tugirana**

**n'Umukiza rukeneye**

**abantu hiherereye.**

**2. Nkwiriye kugira**

**ahantu hihariye, Igihe**

**cyihariye, n'imibereho**

**yihariye – Buri munsi!**



**3. Kuvuganira na  
Yesu mu**

**masengesho,  
Matayo 6:6**

**4. Gutega amatwi  
Yesu akambwira  
binyuze mu  
kwiya Bibikiya,  
Yohana 5:30**





# **AMAHORO N'UBWISHINGIZI**



- 1. Igihe mbabariwe ibyaha byanjye, mba mbyawe ubwa kabiri kandi nkakira gutsindishirizwa, Abaroma 5:1**
- 2. Buri munsi, Imana ishaka ko nkura mu bya Mwuka kandi ngasingira kunesha icyaha. Iki nicyo cyitwa kwezwa, guhindurwa umuntu wera, Abatesalonike 4:3**




**3. Rimwe na rimwe ndanyerera nkagwa, nkora amakosa. Nshumura ku Mana maze nkumva nshitse integer. Nuko Satani akavuga: “Uri umunyabyaha mubi cyane”!**

**4. Iteka ryose ujye wibuka ibi: Mu gihe Kristo aba ari kumpindura umukiranutsi, n’ubundi aba ambara nk’umukiranutsi!**

« Mon Dieu, aie pitié de moi, qui ne suis qu’un pécheur ! »





**Yesaya 61:10 “Nzajya nishimira  
Uwiteka cyane, umutima wanjye  
uzajya unezererwa Imana yanjye kuko  
yanyambitse imyambaro y'agakiza,  
akamfubika umwitero wo gukiranuka,  
nk'uko umukwe arimba akambara  
ikamba, kandi nk'uko umugeni  
arimbishwa iby'umurimbo bye. ”**



## Urukundo



**Umuti uvura indwara zose, ibibi byose bigaceceka, kutitabwaho bikarangira, agahinda n'ubugizi bwa nabi bigashira, kubeshyana, guhemukirwa no guhagarika umutima bigatamururwa, uwo muti ni urukundo. Ni umuti watanzwe n'ijuru uhembura ubuzima bwose. Buri wese muri twe, rumuha imbaraga zo gukora ibitangaza!**

**Nancy Van Pelt "To Have & To Hold, p.16"**